Iyo Allah ageneye umugaragu we ko apfira ahantu, ashyiraho impamvu ituma ajya aho hantu

Hadithi yaturutse kwa Matwar Ibn Ukamis (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Iyo Allah ageneye umugaragu we ko apfira ahantu, ashyiraho impamvu ituma ajya aho hantu."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Tirmidhiy]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga ko iyo Allah agennye ko umugaragu we apfira ahantu atari ho yari ari, amushyiriraho impamvu ituma ajyayo, maze akaba ariho apfira.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/65040